**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUZIMA**

**Po Box 84 KIGALI**

**www.moh.gov.rw**

# IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE

**IRIBURIR0**

Nshimishijwe no kubagezaho Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage bagana Minisiteri y'Ubuzima

Iki gitabo kikaba ari kimwe mu mbaraga Leta ikoresha kongerera ubwiza bwa serivisi zitangwa ku baturage muri rusange.

Nyuma yo gutangaza iki gitabo kigaragaza serivisi zihabwa abarwayi uburenganzira n'Inshingano, hamwe n'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage cyateguwe hashingiwe kuri gahunda ya Leta y'Ivugurura ry'Inzego z'Imirimo ya Leta, kikaba kigamije gusubiza ibyifuzo by'Abaturage, gukorera mu mucyo no gukangurira abakozi kwita ku nshingano zabo bubahiriza ibyo bagomba gukorera abaturage, dufite ikizere kandi cyo kuzamura uburyo bwo kwirinda no kwivuza binyuze m'ubwisungane mu kwivuza.

Iki Gitabo kigaragaza indangagaciro z'Ingenzi n'Amahame agenga urwego rw'Ubuzima muri rusange na Minisiteri y'Ubuzima by'Umwihariko. Kigaragaza uko serivisi zitangwa ku abaturage; kigasobanura n'uburyo izo serivisi zaboneka igihe zikenewe, nibyo amategeko asaba abazihabwa.

Hagamijwe Ishyirwaho ry'iki gitabo ryerekana ubushake bwa kwakira neza abayigana hagamijwe guha imbaraga ibijyanye no gutanga serivisi nziza.

**Dr Agnes BINAGWAHO**
**Minisitiri w'Ubuzima**

Iki Gitabo kigaragaza serivisi MINISANTE igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya MINISANTE byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
    - Ubunyangamugayo
    - Hubahirizwa amategeko
    - Mu bwitonzi n'Ubupfura
    - Mu bwumvikane
    - Mu kuri no kudatoranya
    - Mu mucyo
    - Kugaragaza ibyo ikora
    - Gukorera ku gihe
    - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na MINISANTE:
    - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na MINISANTE,
    - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
    - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
    - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
    - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri MINISANTE. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na MINISANTE.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.

- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri MINISANTE.
- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za MINISANTE zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za MINISANTE no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za MINISANTE bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, MINISANTE yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko MINISANTE isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuza no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, MINISANTE yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu MINISANTE yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za MINISANTE
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'iperereza ku bagana serivisi za MINISANTE gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe

- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana MINISANTE banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero MINISANTE ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. MINISANTE izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. MINISANTE irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINISANTE:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.
- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri MINISANTE mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho MINISANTE igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, MINISANTE yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, MINISANTE iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINISANTE kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, MINISANTE irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
    - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
    - Ibyapa
    - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru

- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:

- Gushakisha imiyoboro
- imbuga za interineti rusange
- imbuga za interineti ahuriweho n’Inzego zitandukanye
- urubuga rwa interineti rwihariye

- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z’nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n’abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n’ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n’ababahagarariye ku birebana n’itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw’inyandiko, n’ihuriro ry’Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n’Abaganga, Abashakashatsi, Abanyeshuri, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z’ibanze, n’Abaturarwanda muri rusange.

**Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:**

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa MINISANTE bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n’abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n’umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

**Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:**

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba MINISANTE mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;

- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivsi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri MINISANTE;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri MINISANTE binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

**Aho wabariza**:

**MINISITERI Y'UBUZIMA**
**P.O. Box 84 Kigali, Rwanda**
**Telephone: +250 577458**
**Fax: +250 576853**
**info@moh.gov.rw**
**www.moh.gov.rw**

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.

Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

## I. ICYEREKEZO

Icyerekezo cya Gahunda y'Ubuzima mu Rwanda binyuze muri Minisiteri y'Ubuzima ni ugukomeza kuzamura ubuzima bw'abantu mu Rwanda, binyuze mu bikorwa by'abafatanyabikorwa ku nzego zose, hagamijwe kuzamura imibereho myiza y'Abaturage no kugabanya ubukene.

## II. INTEGO

Intego y'Ingenzi ni ugutanga serivisi nziza ku baturage bijyanye n'Icyerekezo 2020, Gahunda y'Imbaturabukungu na gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi.

## III. INSHINGANO Z'INGENZI

- Gutegura no guhuza politiki zo muri serivisi y'Ubuzima, ingamba na poroguramu
- Gutunganya serivisi y'Ubuzima n'izindi serivisi zikorana nayo
- Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya serivisi z'Ubuzima n'izindi politiki ingamba na poroguramu
- Kuzamura ubushobozi bw'Inzego n'ubwa abakozi bari muri serivisi z'Ubuzima.
- Guhanga udushya nk'uburyo bwo gutera inkunga serivisi y'Ubuzima biganisha ku kubona serivisi nziza z'Ubuzima.
- Kureberera inzego zose zikorera munsi y'uru rwego.
- Gushaka umutungo wateza imbere serivisi y'Ubuzima n'izindi zijyanye nazo.

## IV. INSHINGANO Z'INGENZI N'AMAHAME ATUGENGA

Minisiteri y'ubuzima iteza imbere indangagaciro hagamijwe kugera ku ntego zayo ari zo izi zikurikira: Gushyira hamwe, gukorera mu mucyo, amahame y'umuco no kubaha amahame y'uburinganire.

Minisiteri y'Ubuzima inagengwa n'amahame atandukanye ari yo aya akurikira: Kugaragaza ibyo dukora no kugira serivisi nziza mu by'Ubuzima, gukora neza kandi ku gihe, guhuza inzego zitandukanye, uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi.

## V. Uburenganzira bw'Abagana serivisi za Minisiteri y'Ubuzima

Abagenerwa bikorwa babariza serivisi kuri Minisiteri y'Ubuzima bafite uburenganzira bukurikira:

- Kwakirwa, gutegwa amatwi hamwe no guhabwa serivisi vuba, neza no mu cyubahiro
- Guhabwa serivisi mu rwego rw'Ubushuti
- Guhabwa amakuru yose yangombwa yakenera
- Guhabwa umwanya wogusubiza ibibazo bafite.
- Gusaba kurenganurwa n'Inzego zohejuru
- Kujuririra ibyemezo by'Ubuyobozi

## VI. SERIVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'UBUZIMA

### 1. Ubwoko bwa Serivisi : Imiryango Mpuzamahanga ikeneye bwa mbere Amasezerano y'Imikoranire n'Icyemezo cyo kwiyandikisha

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Kwandika imiryango itegamiye kuri Leta, kuyiha uruhushya rwo gutanga serivisi zijyanye n'iby'ubuzima, no gusinyana amasezerano y'Imikorere na Minisiteri y'Ubuzima |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera: Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi serivisi ntiyishyurwa. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rwandikiwe Minisitiri w'Ubuzima rusaba gusinya amasezerano y'Imikorere na Minisiteri y'Ubuzima kandi runasaba icyemezo cyo kwiyandikisha<br>2. Amategeko n'amabwiriza agenga imiryango mpuzamahanga itagengwa na Leta iriho Umukono.<br>3. Inyandiko igaragaza Impamvu n'Intego mu gihe kirambye, uburambe mpuzamahanga n'ubwa Afrika by'Umwihariko<br>4. Gahunda y'Ibikorwa y'Igihe kirekire, iyu Umwaka y'imiryango itegamiye kuri Leta izanye mu Rwanda naho ihuriye na gahunda y'Ibikorwa y'Inzego z'Ubuzima, icyerekezo 2020 hamwe na gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS)<br>5. Icyemezo kigaragaza inkomoko y'Umutungo n'Ubushobozi mu by'Umutungo by'Imiryango itegamiye kuri Leta |

| | |
|---|---|
| | 6. Gahunda yo kungurana ubumenyi mu by'Igenamigambi mu nzego z'Ubuzima no mu bakozi ba Leta muri rusange.<br>7. Urwandiko rw'Imikoranire ruva mu karere, Intara cyangwa ku rwego rw'Igihugu iyo hari ibikorwa Bihari muri uwo mwaka, n'Ibaruwa gusinya Amasezerano y'Imikoranire hagati ya Minisiteri y'Ubuzima n'Umufatanyabikorwa iyo hari uri ku rwego rw'Igihugu. |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Imiryango itegamiye kuri Leta ihura n'abahuza b'abafatanyabikorwa bakungurana ibitekerezo ku bijyanye n'Intego z'iyo miryango<br>2. Abashinzwe guhuza abafatanyabikorwa n'imiryango itegamiye kuri Leta bayobora imiryango itegamiye kuri Leta kubakozi bangombwa bashinzwe intego ziyi miryango.<br>3. Abahuza abafatanya bikorwa na serivisi zishinzwe amategeko muri Minisiteri y'Ubuzima n'abatekenisiye babishinzwe kugira ngo bungurane ibitekerezo ku masezerano y'Imikorere, gahunda y'ibikorwa, na gahunda yo guhererekanya iyongerwa ry'ubushobozi mu miryango itegamiye kuri Leta<br>4. Abayobozi b'abafatanyabikorwa bohereza ayo masezerano yemeranijweho n'icyemezo cyo kwiyandikisha kugira ngo bisuzumwe, byemezwe, binasinywe.<br>5. Minisitiri asuzuma amasezerano y'imikoranire yasanga hari ibigomba guhinduka akabisubiza mu bashinzwe kubikora bigakosorwa yaba ntabyo akabisinya.<br>6. Hasinywa amasezerano y'imikoranire n'icyemezo cyo kwiyandikisha binyuze mu Bunyamabanga buhoraho bwa Minisiteri y'Ubuzima nyuma bikoherezwa mu miryango itegamiye kuri Leta. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Uturere, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara gusaba Icyemezo (Urwandiko) cy'Imikoranire |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu** | Iyo utanyuzwe na serivisi uhawe wandikira Umunyamabango uhoraho wa Minisiteri y'Ubuzima, |

| | |
|---|---|
| **gihe udahawe iyo serivisi?** | waba utanyuzwe cyangwa se atagukemurira ikibazo uko bikwiye, ukandikira Minisitiri w'Ubizima. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw . Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri : info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | - Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/7/2000 rigena Imiyango idaharanira inyungu. bisaba imiryango mpuzamahanga niyi mbere mugihugu ikorera mu Rwanda gusubukura uruhusa rwo gukora buri mwaka.<br>- Ibyangombwa bikenerwa n'Imiryango itegamiye kuri Leta<br>- Imikorere y'Inzego z'Imirimo muri serivisi y'Ubuzima<br>Bisangwa ku rubuga rwa interineti rukurikira rwa Minisiteri y'Ubuzima: www.moh.gov.rw/ |

2. **Ubwoko bwa Serivisi : Gusaba kongererwa igihe cyo gukora kw'Imiryango itegamiye kuri Leta**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Gusaba kongererwa igihe kw'Imiryango itegamiye kuri Leta |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bibiri |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi Serivisi ntiyishyurwa |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rusaba rwandikiwe Minisitiri w'Ubuzima<br>2. Kopi y'Amasezerano y'Imikoranire<br>3. Kopi y'Icyemezo cyo kwiyandikisha cy'Ubushize cya Minisiteri y'Ubuzima<br>4. Kopi y'Icyemezo cyo kwiyandikisha cy'Umwaka ushize gitangwa n'Ibiro by'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu<br>5. Raporo y'ibikorwa tekiniki n' i'y'Imari z'Umwaka ushize zemejwe na Minisiteri y'Ubuzima muri serivisi ibishinzwe n'iyishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa<br>6. Raporo y'Umwaka yo guhererekanya ubushobozi yemezwa n'Inzego tekiniki za Minisitiri y'Ubuzima<br>7. Gahunda y'Ibikorwa by'Umwaka yo guhererekanya ubushobozi<br>8. Icyemezo cy'uko wagaragaje uko umutungo uboneka gitangwa na Minisiteri y'Ubuzima<br>9. Raporo ya za gahunda y'Igihe cyagenwe<br>10. Memo isobanura aho amafaranga aturuka n'Ubushobozi mu by'umutungo iyo bikomeza cyangwa gahunda nshya iyo ihari. |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Imiryango itegamiye kuri Leta itanga amadosiye muri Minisiteri y'Ubuzima ku ibiro by'Ushinzwe kwakira Abagana iyi minisiteri. Aya madosiye ahabwa inomero hanyuma ushinzwe kubyakira agatanga gitansi kuwabisabye.<br>2. Urwandiko rusaba rwoherezwa mu Bunyamabanga Bukuru aho ruva rwohererezwa Minisitiri.<br>3. Ibiro bya Minisitiri byakira urwo rwandiko bikabyohereza mu biro by'Abashinzwe guhuza abafatanyabikorwa<br>4. Inzandiko zirasuzumwa n'abahuzabikorwa by'abafatanya |

| | |
|---|---|
| | bikorwa bafatanyije na serivisi ibishinzwe muri Minisiteri y'Ubuzima.<br>5. Bimaze gusuzumwa no kandi byemejwe na serivisi ishinzwe amategeko hamwe n'iy'ishinzwe tekeniki muri Minisiteri y'Ubuzima, Ihuriro ry'Abafatanya bikorwa ryohereza icyemezo kwa Minisitiri.<br>6. Minisitiri asinya icyo cyemezo kikohereza mu Bunyamabanga rusange.<br>7. Ubunyamabanga rusange bukuramo kopi y'Icyemezo bukayibika.<br>8. Ubunyamabanga rusange bwohereza icyo cyemezo mu imiryango itegamiye kuri Leta yasabye. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Uturere, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara gusaba Icyemezo (Urwandiko) cy'Imikoranire |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Utanyuzwe na serivisi abikora mu nyandiko yandikira Umunyamabanga Uhoraho wa MINISANTE; iyo atanyuzwe akandikira Minisitiri w'Ubuzima |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw . Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri : info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Nta mpapuro zabigenewe zuzuzwa |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | - Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/7/2000 Rishyiraho imiryango itegamiye kuri Leta. Bisaba imiryango mpuzamahanga niyo mugihugu imbere ikorera mu Rwanda kongeresha icyemezo cyayo buri mwaka.<br>- Ibyangombwa bisabwa iyo miryango itegamiye kuri Leta<br>- Nzego z'Imiyoborere mu ubuzima<br>Biboneka kuri www.moh.gov.rw |

3. **UBwoko bwa Serivisi : Imiryango itegmiye kuri Leta y'imbere mu Gihugu ishaka kwiyandikisha**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Kwiyandikisha bwa mbere kw'Imishinga itegamiye kuri Leta yo mu Igihugu |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi Serivisi itangirwa ubuntu |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rubisaba<br>2. Amategeko agenga Imiryango Itegamiye kuri Leta<br>3. Imyanzuro y'Inama iherutse igaragaza amatora y'Abayobozi b'Umuryango utegamiye kuri Leta aribo Perezida, Vice Perezida n'Umunyamabanga<br>4. Urutonde rw'Abaterankunga ruriho umukono<br>5. Inyandiko igaragaza Abanyamuryango bahagarariye umuryango<br>6. Gahunda y'Ibikorwa y'Umwaka igaragaza umutungo uhari uzatuma umuryango ugera ku nshingano, cyane cyane iherekejwe ni inyandiko z'imishinga irimo gukorwa n'izakorwa mu bihe bitaha.<br>7. Inyandiko ku mafaranga ahari n'amasezerano y'Inkunga by' Imiryango itegamiye kuri Leta<br>8. Urwandiko rw'Imikoranire rutangwa n'Uturere cyangwa Intara rw'uwo mwaka (rutangwa ari uko utanze ku Akarere amasezerano y'Imikoranire na Minisiteri y'Ubuzima, urwandiko rusaba na gahunda y'Ibikorwa y'ako Karere)<br>9. Urwandiko rw'Imikorere rwa Minisiteri y'Ubuzima<br>10. Inyandiko isobanura isano y'ibi bikorwa n'Intego z'Iterambere z'ibinyagihumbi, Icyerekezo 2020 na gahunda y'Imbaturabukungu (MDGs, the Vision 2020 and the EDPRS)<br>11. Inyandiko isobanura ubushobozi bw'Umutungo uwo muryango ufite (aho umutungo uzava) |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Umuryango utegamiye kuri Leta uhura na serivisi yo guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa bakaganira ku ntego y'Umuryango utegamiye kuri Leta mu bijyanye ku ntego y'Umuryango utegamiye kuri Leta.<br>2. Umuryango utegamiye kuri Leta hamwe serivisi yo guhuza |

| | |
|---|---|
| | ibikorwa by'abafatanyabikorwa ufatanyije na Minisiteri y'Ubuzima baganira kuri gahunda y'Ibikorwa n'amasezerano y'Imikoranire.<br>3. Bimaze kwemezwa serivisi tekinike za Minisiteri y'Ubuzima n'iy'amategeko, serivisi yo guhuza ibikorwa yohereza amasezerano y'Imikoranire n'Icyemezo kwa Minisitiri kugira ngo bisinywe.<br>4. Minisitiri asuzuma amasezerano y'Imikoranire, byaba ari ngombwa ko hagira ibihinduka amasezerano y'Imikoranire agasubizwa abatekenisiye kugira ngo anononsorwe. Iyo ntabihinduka Minisitiri asinya amasezerano y'Imikoranire hamwe n'Icyemezo.<br>5. Iyo byemejwe byoherezwa kwa Minisitiri gusinywa. Iyo bitemejwe byohererezwa Serivisi ishinzwe iby'amategeko kugira ngo ikosorwe.<br>6. Iyo bimaze gusinywa, Ubunyamabanga rusange bufotoramo kopi y'icyo cyemezo cyo kwiyandikisha bukagishyingura ahabugenewe.<br>7. Ubunyamabanga rusange bwohereza icyo cyemezo ku muryango utegamiye kuri Leta kigenewe. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Uturere, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara gusaba Icyemezo (Urwandiko) cy'Imikoranire |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Iyo utanyuzwe na serivisi wandikira Umunyamabanga Uhoraho wa MINISANTE; waba utanyuzwe n'igisubizo aguhaye ukandikira Minisitiri w'Ubuzima cyangwa ukiyizira kumureba ubwawe |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw . Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri : info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Nta mpapuro zabigenewe |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | • Itegeko n° 20/2000 ryo 26/7/2000 rigena imiryango itegamiye kuri Leta (Igazeti ya Leta). Bisaba imiryango mpuzamahanga, niyi imbere mugihugu itegamiye kuri Leta ikorana n'imiryango itegamiye kuri Leta kongeresha igihe kingana n'Umwaka umwe |

| | |
|---|---|
| | • Ibisabwa, ibyangombwa n'Imishinga itegamiye kuri Leta ni impapuro<br>• Health SWAp procedures manual<br>Wasura urubuga rwa interineti rwa MINISANTE: www.moh.gov.rw/publications |

4. **Ubwoko bwa Serivisi : Gusaba kongererwa igihe ku miryango itegamiye kuri Leta icyeneye kwiyandikisha**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Gusaba kongererwa igihe kwa imiryango itegamiye kuri Leta ikorera mu gihugu |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi Serivisi itangirwa ubuntu |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rusaba rwandikiwe Minisitiri<br>2. Kopi y'Amasezerano y'Imikoranire<br>3. Kopi y'Icyemezo cyo kwiyandikisha cyarangiye gitangwa na Minisiteriy'Ubuzima<br>4. Kopi y'Icyemezo cyo kwiyandikisha cyarangiye gitangwa n'Ikigo cy'Abinjira n'abasohoka mu gihugu<br>5. Raporo y'Imikorere n'iy'umutugo y'Umwaka washize yemejwe na inisiteri y'Ubuzima hamwe na serivisi ishinzwe guhuza abafatanyabikorwa<br>6. Gahunda y'Ibikorwa by'Umwaka.<br>7. Kugaragaza raporo yerekana ko bakoresha umutungo ivuye muri Minisiteri y'Ubuzima<br>8. Inyandiko igaragaza aho umutungo uzaturuka, n'ubushobozi bw'umutungo bafite n'ibindi bikorwa niba bihari. |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Imiryango itegamiye kuri Leta itanga amadosiye aho bakirira amadosiye ya Minisiteri y'Ubuzima. Bigahabwa nomero nyuma bikakirwa n'ushinzwe kubyakira<br>2. Iyi dosiye yoherezwa mu bunyamabanga rusange aho izuzumwa ikoherezwa kwa Minisitiri.<br>3. Ibiro bya Minisitiri birayakira bikayisuzuma bikayohereza mu buhuzabikorwa bw'abafatanyabikorwa<br>4. Iyi dosiye yigwa n'Ubuhuzabikorwa bw'Abafatanyabikorwa bafatanyije na Minisiteri y'Ubuzima muri serivisi ibishinzwe.<br>5. Bimaze kwemezwa serivisi tekinike za Minisiteri |

| | |
|---|---|
| | y'Ubuzima n'iy'amategeko, serivisi yo guhuza ibikorwa yohereza amasezerano y'Imikoranire n'Icyemezo kwa Minisitiri kugira ngo bisinywe.<br>6. Minisitiri asinya akanohereza icyo cyemezo mu bunyamabanga rusange.<br>7. Ubunyamabanga rusange bukuramo kopi y'icyo cyemezo bukagishyingura, icyemezo cy'umwimerere kikohererezwa umuryango utegamiye kuri Leta bireba |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Uturere, Umujyi wa Kigali cyangwa Intara gusaba Icyemezo (Urwandiko) cy'Imikoranire |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Iyo utanyuzwe na serivisi uhawe, usaba kurenganurwa wandikira Umunyamabanga Uhoraho ku rupapuro rwabigenewe; waba utanyuzwe n'igisubizo uhawe ukandikira na Minisitiri w'Ubuzima |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri: www.moh.gov.rw . Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri : info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Nta mpapuro zihari zabigenewe |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | • Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/7/2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu. Rigaragaza ibisaba imiryango mpuzamahanga niyikorera mu gihugu mu Rwanda ko ikwiye kongeresha impusyha zogukora buri mwaka.<br>• Amadosiye asabwa imiryango itegamiye kuri Leta<br>Biboneka aha hakurikira www.moh.gov.rw |

**5. Ubwoko bwa serivisi : Gusaba ikarita y'Inzobere ( Technical Assistant Card Visa) ifasha mu mishinga cyangwa inzego z'Ubuzima**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Gusaba ikarita y'Inzobere (Technical Assistant Card Visa) ifasha mu mishinga cyangwa inzego z'Ubuzima<br>Iyi karita itangwa na minisiteri na minisiteri y'Ubuzima |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi Serivisi itangirwa ubuntu |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rusaba rwandikiwe Minisitiri y'Ububanyi n'Amahanga<br>2. Amasezerano y'imikoranire hagati Minisiteri y'Ubuzima, Imishinga n'Imishinga itegamiye kuri Leta<br>3. Kopi ya passiporo (umwirondoro na kashe y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu) y'uwusaba ikarita<br>4. Amafoto abiri magufi y'uwusaba iyo karita<br>5. Kopi y'Amasezerano y'Imikoranire ya Minisiteri y'Ubuzima n'Imiryango itegamiye kuri Leta<br>6. Inshingano cyangwa ibyo iyo nzobere ije kunganiramo Inzego<br>7. Amasezerano y'iyo nzobere<br>8. Gahunda yo kongerera ubushobozi abenegihugu cyangwa abandi bakora ibikorwa by'ubuzima mu Rwanda |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Inzandiko zisaba zisyhirwa kuri Minisiteri y'Ubuzima aho bakirira amadosiye iyo dosiye ihabwa inomero nyuma ikakirwa uko bikwiye<br>2. Iyi dosiye yoherezwa mu ubunyamabanga buhoraho igatunganwa nyuma ikoherezwa kwa minisitiri.<br>3. Ibiro bya Minisitiri byakira iyi dosiye bikayohereza mu ihuriro ry'Abafatanyabikorwa<br>4. Amadosiye asuzumwa n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa bafatanyije na Minisiteri y'Ubuzima mu ishami ryayo rya tekenike.<br>5. Bimaze gusuzumwa no kwemezwa na serivisi ishinzwe amategeko na serivisi ya tekenike ya Minisiteri y'Ubuzima, ihuriro ry'abafatanya bikorwa ryohereza ibaruwa babinyujije k'Umunyamabanga Uhoraho. |

| | |
|---|---|
| | 6. Minisitiri asinya icyo cyemezo akacyohereza mu Bunyamabanga buhoraho.<br>7. Ubunyamabanga rusange bukora kopi y'Icyemezo bukakibika mu bubiko, umwimerere ukoherezwa Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga cyanwa uwo ariwe wese bireba akayitwara. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ntazo |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Usaba kurenganurwa yandikira Umunyamabanga Uhoraho wa MINISANTE, yaba atanyuzwe akandikira na Minisitiri w'Ubuzima |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw. Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri : info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Nta mpapuro zihariye zuzuzwa |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | 1. Amadosiye y' imiryango akenerwa<br>2. Imiyoboro ikoreshwa mu by'ubuzima<br>Biri kuri www.moh.gov.rw |

**6. Ubwoko bwa Serivisi: Gusaba kongeresha ikarita y'Inzobere (Technical Assistant Card Visa) ifasha mu mishinga cyangwa inzego z'Ubuzima , cyangwa Abakorerabushake bakora mu miryango mpuzamahanga**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Gusaba kongeresha ikarita y'Inzobere (Technical Assistant Card Visa) ifasha mu mishinga cyangwa inzego z'Ubuzima, cyangwa Abakorerabushake bakora mu miryango mpuzamahanga<br>Iyi karita itangwa na minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi Serivisi ni ubuntu |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Urwandiko rusaba rwandikiwe Minisitiri y'Ububanyi n'Amahanga<br>2. Amasezerano y'imikoranire hagati Minisiteri y'Ubuzima, Imishinga n'Imishinga itegamiye kuri Leta<br>9. Kopi ya passiporo (umwirondoro na kashe y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu) y'uwusaba ikarita<br>3. Amafoto abiri magufi y'uwusaba iyo karita<br>4. Kopi y'Amasezerano y'Imikoranire ya Minisiteri y'Ubuzima n'imiryango itegamiye kuri Leta<br>5. Amasezerano y'Inzobere<br>6. Gahunda yo kongerera ubushobozi abenegihugu cyangwa abandi bakora ibikorwa by'ubuzima mu Rwanda |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Inzandiko zisaba zishyirwa kuri Minisiteri y'Ubuzima aho bakirira amadosiye iyo dosiye ihabwa inomero nyuma ikakirwa uko bikwiye.<br>2. Iyi dosiye yoherezwa mu bunyamabanga buhoraho igatunganwa nyuma ikoherezwa kwa Minisitiri.<br>3. Ibiro bya Minisitiri byakira iyi dosiye bikayohereza mu ihuriro ry'Abafatanyabikorwa<br>4. Amadosiye asuzumwa n'Ihuriro ry'abafatanya bikorwa bafatanyije na Minisiteri y'Ubuzima mu ishami ryayo rya tekenike.<br>5. Bimaze gusuzumwa no kwemezwa na serivisi ishinzwe amategeko na serivisi ya tekenike ya Minisiteri |

| | |
|---|---|
| | y'Ubuzima, ihuriro ry'abafatanya bikorwa ryohereza ibaruwa babinyujije k'Umunyamabanga Uhoraho.<br>6. Minisitiri asinya icyo cyemezo akacyohereza mu bunyamabanga buhoraho.<br>7. Ubunyamabanga rusange bukora kopi y'Icyemezo bukakibika mu bubiko, indii kopi ikoherezwa kuri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga cyanwa uwo ariwe wese bireba akayitwara. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ntazo |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Usaba kurenganurwa yandikira Umunyamabanga Uhoraho, yaba atanyuzwe akandikira na Minisitiri w'Ubuzima |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw. Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri: info@moh.gov.rw |
| **Impapuro zuzuzwa** | Nta mpapuro zihariye zuzuzwa |
| **Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi** | 1. Amadosiye y' imiryango akenerwa<br>2. Imiyoboro ikoreshwa mu byubuzima<br>Biri kuri www.moh.gov.rw |

**8. Ubwoko bwa serivisi: Gusaba ikarita y'Inzobere (Technical Assistant Card) ifasha mu mishinga cyangwa inzego z'Ubuzima**

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Gusaba ikarita y'Inzobere.<br>Iyi karita itangwa na Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga |
| **Ni hehe serivisi itangirwa?** | Ishami rishinzwe guhuza Abafatanyabikorwa/SWAP<br>Uburyo bwo kubona ababishinzwe:<br>Mr Michel Gatete : Tel: 0788539907 Email: gatete@gmail.com<br>Mr Jean Pierre Nzizera:Tel: 0788652755 Email: nzizera@gmail.com |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, mu masaha y'akazi |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Ibyumweru bitatu |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Wagana ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | 1. Ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri w'Ubuzima<br>2. Impapuro zuzuzwa zo ku kigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro<br>3. Gahunda y'Ibikorwa y'Umwaka y'Umuryango utegamiye kuri Leta<br>4. Icyemezo cyo gukora cy'Umuryango cy'umwaka utaha/ ukurikiyeho<br>5. Amasezerano y'Imikoranire hagati ya Minisiteri y'Ubuzima n'Imishinga /Imiryango<br>6. Kopi ya pasipoti (Umwirondoro w'Umuntu na kasha y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe abinjira n'Abasohoka usaba iyo karita<br>7. Amafoto atatu magufi y'uwusaba ikarita<br>8. Gusinya amasezerano n'Umuryango utegamiye kuri Leta |
| **Binyura mu zihe nzira?** | 1. Ibiro bya Minisitiri byakira iyi nyandiko bikayohereza muri serivisi ishinzwe igenamigambi.<br>2. Iyi nyandiko irasuzumwa n'Ubuhuzabikorwa bw'abafatanyabikorwa, nyuma inyandiko isaba ikandikirwa ubuyobozi bushinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu ikoherezwa kwa Minisitiri kugira ngo isinywe<br>3. Minisitiri asinya iyo baruwa.<br>4. Uru rwandiko rwandikirwa ibiro bishinzwe abinjira n'Abasohoka.<br>5. Urwemejwe rwoherezwa mu mishinga/mu miryango itegamiye kuri Leta. |

| | |
|---|---|
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ntazo |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Utanyuzwe na serivisi uhawe, wakwandikira Umunyamabanga Uhoraho, atabirangiza Ukandikira Minisitiri w'Ubuzima |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Sura urubuga rwa interineti rwa Minisiteri y'Ubuzima kuri : www.moh.gov.rw. Ukeneye andi makuru mu masaha y'akazi wahamagara:<br>- Bwana Gatete Michel kuri Tel: 0788539907 cyangwa ukamwankira kuri email: gatete@gmail.com;<br>- Bwana Nzizera Jean Pierre kuri Tel: 0788652755 cyangwa ukamwandikira kuri email: nzizera@gmail.com<br>Ukeneye amakuru wakwandikira nanone Minisiteri y'Ubuzima kuri: info@moh.gov.rw |
